N°33 UKUBOZA 2007

E-mail: fondationgong@yahoo.fr **Home page:** www.rud-urunana.org
Comité de Rédaction/Inama y'Ubwanditsi :
Editeur Responsable……: *Fondation le Gong de la Conscience*
Directeur de Publication : *Christite Muhereza*
Rédacteur en chef…….. : *François Xavier Ntezirizaza*
Secrétaire de Rédaction : *Pierrette Niwemugeni*

IBIRIMO…….. **urupapuro rwa :**

1. IRIBURIRO :
- Ubutumwa Umuyobozi mukuru wa RUD-Urunana ageza ku Banyarwanda.....2
2. IMIGABO N'IMIGAMBI BYA RUD-URUNANA:
- RUD-Urunana iramagana ibinyoma bya Mme Rakiya Omaar wo muri African Rights.....4
3. AMAKURU YA POLITIKI:
- Ikibazo cy'impunzi ziri muri Kongo gikeneye umuti wa politiki 6
- Jenerali Rwarakabije aratera inkunga politiki y'ikinyoma ya FPR.....8
4. IMIBEREHO Y'ABATURAGE:
- Icengezamatwara rya FPR rirahembera ikibazo cy'amoko mu Rwanda.....10
5. URUBUGA RW'ABASOMYI:
- Mureke rubanda yature ivuge mu bwisanzure uwateye ishavu mu Rwanda.....11

IRIBURIRO

Ubutumwa Umuyobozi wa RUD-Urunana ageza ku Banyarwanda

-Ubwanditsi-

Nkuko asanzwe abigenza, mu mpera z'uyu mwaka wa 2007, Umuyobozi mukuru wa RUD-Urunana yagejeje ku Banyarwanda ubutumwa bukomeye. Indamutso Dogiteri Higiro atugezaho twese, ni iyurukundo, ni imvugo ya kibyeyi ihumuriza abababaye cyane abo bose barengana mu Rwanda no hanze.
Umuyobozi w'Abacunguzi aratura akavugisha ukuri ku bibazo bya politiki n'ibyimibereho y'abaturage byugarije rubanda rugufi mu Rwanda.

Ku buryo bw'umwihariko, Perezida Higiro aramagana Inkiko Gacaca, aragira inama abinjizwa muri FPR kugira ngo babeshyere abandi ko ari inzigo bahembera mu Rwanda.
Umuyobozi w'Urunana arahumuriza abeguye imiheto ngo bakingane ingabo n'agatsiko ka FPR, n'abandi barurwana ku rundi ruhembe, ko ntagucibwa intege na Mpatsibihigu winjiye mu kibazo cy'u Rwanda.
Nkuko abigarukaho, igihe amahanga yabonye ko bene igihugu bahagurukiye kukirengera, azemera kive mu nzara z'abakiyobora bucancuro. Perezida Jean–Marie Vianney Higiro aragira ati:

Banyarwanda, Banyarwandakazi,
Umwaka wa 2007 urarangiye, twinjiye mu mwaka mushya wa 2008.
Mu muco nyarwanda iyo umwaka urangiye, dushimira Imana kandi tukifurizanya umwaka utaha mwiza. Ni muri urwo rwego rero, mu izina ryanjye bwite, no mu izina ry'Urunana rw'Abaharanira Ubumwe na Demokarasi (RUD-Urunana), mbifurije umwaka mushya muhire wa 2008.

Umwaka turangije wa 2007 wabaye uw'ibihe bikomeye cyane kuri rubanda rugufi. Hirya no hino mu gihugu, benshi mu Banyarwanda bawumaze basiragizwa bitaba inkiko Gacaca aho kwiha akabyizi, bahinga cyangwa se bareba ikindi bakora cyabafasha mu bukene bwabaye akarande mu Rwanda. Abandi bawumaze basiragira mu mayira bagemuririra ababo bahejejwe mu munyururu n'ingirwabutabera yiyemeje gukanda uwo badashaka ikamufunga nta bimenyetso bimuhamya icyaha, usibye kubimuhimbira.

Ukwishyira ukizana, uburenganzira bw'ikiremwamuntu bw'ibanze ni inkuru itakibarwa mu Rwanda. Politiki yo guhora no gushyamiranya Abavukarwanda imaze gufata intera ndende ku buryo bihangayikishije abakunzi b'amahoro. Icyakunze kugaragara muri za Gacaca, ni uburiganya, ruswa, kubeshyera no guhohotera abandi. Umuntu wese ubutegetsi bw'agatsiko kibumbiye muri FPR-Inkotanyi n'abambari bayo badashaka n'uwo bashaka kwambura utwe, yajyanywe muri Gacaca ahimbirwa ibyaha atakoze. N'uwo bashutse akiyemeza ibyaha bakamurekura, ubutegetsi, bukoresheje Gacaca, bwamushubije mu munyururu bumukatira imyaka hagati ya 25 na 30 y'igifungo.

Kubera ubwoba no kwigura, hari abantu bahoze ari indacyemwa none basigaye bahatirwa gutangaza no gushinja abantu ibinyoma baba abari mu gihugu cyangwa abahunze. Hari benshi mu Banyarwanda rero basanze uburenganzira n'umutekano wabo bibangamiwe, bafata inzira bahungira mu bihugu bidukikije ndetse n'ibya kure kugira ngo nibura barengere ubuzima bwabo. Abo nabo Leta ya Kigali ibita abanzi bayo.

Muri rusange rero, umwaka wa 2007 ntabwo woroheye Abanyarwanda. Ka karengane kari gasanzwe ari umwihariko wa rubanda rugufi baba Abatutsi, Abahutu n'Abatwa kageze, noneho, no muri bya bikomangoma byo mu muryango wa FPR-Inkotanyi. Ubu n'ibikomangoma byatangiye guhunga igihugu. Magingo aya, umuntu yakwizera ko n'ibyo byegera bya Perezida Pawulo Kagame byumva ko akarengane ari kabi, ko kagomba kuvaho kagasimburwa no kwishyira ukizana.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Nimureke akarengane kamaganwe mu Rwanda hose kandi na bose, mu nzego zose z'abayobozi n'abayoborwa. Nimureke twese abarengana aho turi hose n'abo turibo bose dufatane urunana duharanire Ubumwe na Demokarasi mu Rwanda. Bityo inzira yo kwibohoza tuzayigeraho vuba.

Muri uyu mwaka turangije kandi, m'Urunana, ntitwahwemye gukomeza guharanira kwibohoza kw'Abanyarwanda. Twakomeje gushakisha inshuti dufatanyije n'umutwe wa politiki wa RPR ku buryo icyo duharanira ari cyo ibiganiro bya politiki (Dialogue Inter-Rwandais) cyamaze kumvikana haba mu Rwanda cyangwa se mu mahanga.

Gusa, ingoma ya FPR ikomeje kurwanya icyo gitekerezo igambanira imitwe ya politiki kudatumirwa mu manama mpuzamahanga agamije gukemura ibibazo byo mu karere dutuyemo. Mu rwego rwo gukoma imbere Leta y'u Rwanda ishumuriza abaturage ibitero bya gisirikare, ingabo z'Urunana (Armée Nationale-Imboneza) zakumiriye ingabo za FPR-Inkotanyi zizambura ibikoresho binyuranye birimo imbunda n'ibyuma by'itumanaho.

Urugamba rwo kubohoza u Rwanda rwafashe indi sura. Ubu Imboneza n'ingabo za RPR arizo Inkeragutabara zifatanyije imyitozo ya gisirikare. Bityo rero, Abanyarwanda b'ingeri zose ari Abahutu, Abatutsi n'Abatwa bahamagariwe gufatanya no gushyigikira ingabo zabo mu gikorwa musanganya cyo kubohoza u Rwanda.

Kubohoza u Rwanda ni igikorwa kitoroshye. Ishyaka rya FPR-Inkotanyi rifatanyije na ba Mpatsibihugu bityo bikayongerera ingufu. Ibyo ariko, ntibikadutere ubwoba kuko habayeho abandi banyagitugu nka Haile Selassie wayoboye Etiyopiya, Ferdinand Marcos wayoboye Filipine, na Shah Palavi wa Irani bicaga bagakiza bashyigikiwe na Mpatsibihugu. Nyamara abari barabashyigikiye bamaze gusobanukirwa n'inyungu z'abaturage kandi bamaze kubona ko bahagurukiye kwamagana akarengane bakorerwaga, ni nabo bazibukiriye izo ngoma zirahirikwa.

Mu Kinyarwanda tuzi ko ubabaye ariwe ubanda urugi. Niyo mpamvu ari twebwe ubwacu tugomba kwereka ba Mpatsibihugu ko igihe cyo guhirika ingoma y'umunyagitugu Pawulo Kagame kigeze. Nitureke guhisha ukuri, nidusigeho guceceka no guhishira akarengane.
Turasaba Abanyarwanda gukundana, ubutegetsi ntibukomeze kubateranya ngo bemere nkuko bikorwa muri Gacaca cyangwa buhoze abantu mu bucakara mu gihe bufata ibyemezo usanga bigambiriye kugumya gupyinagaza bamwe nko gukuraho imfashanyo ya buruse Leta yahaga abanyeshuri bigaga muri za kaminuza. Turasaba buri Munyarwanda aho ava akagera kwitabira ibikorwa byo gusesekaza demokarasi mu Rwanda no kuyibungabunga. Ibi bivuga rero ko buri wese akwiye gukenyera agakomeza kuko ubutegetsi bw'abaturage duharanira ko bwasimbura ubw'igitugu buriho muri iki gihe. Ntituzabubona tutaburuhiye.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,
Birakwiye ko abaharanira demokarasi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, twashyira mu gaciro tukareba icyo rubanda idutezeho. Byaba byiza dushingiye ku biduhuza mu nkundura turimo yo kubohoza igihugu cyacu. Ibidutanya nibyo uturwanya ashingiraho aduca intege, atuvuga uko tutari kuko azi neza ko dufatanyije by'ukuri, bitatera kabiri abaturage badasubiranye ukwishyira ukizana, umwiryane udacitse mu Rwanda, inzirakarengane zitarenganuwe n'abanyazwe ibyabo batabisubiranye.

Umwaka wa 2008 uzababere uw'amata n'ubuki. Muzawugiremo imigisha myinshi y'Imana mu miryango yanyu.

Dufatane urunana turubohoze.

Bikorewe i Washington, D.C. kuwa 31 Ukuboza 2007

Dr. Jean-Marie Vianney Higiro
Umuyobozi mukuru wa RUD-Urunana

IMIGABO N'IMIGAMBI BY'URUNANA

RUD-Urunana iramagana ibinyoma bya Mme Rakiya Omaar wo muri African Rights

- Christite Muhereza-

Mu ntangiriro z'Ukuboza 2007, ingirwa ONG ngo iharanira ubutabera n'uburenganzira bw'ikiremwa muntu "African Rights" yasohoye inyandiko inyuranye n'icyagombye kuba inshingano zayo. Kuva mw'ikubutiro ry'ikibazo cy'u Rwanda, African Rights yigaragaje nka Ibuka mu kwamamaza amatwara ya politiki ya Jenerali Perezida Kagame. Iyi nyandiko y'ibinyoma bisa, yikomye Abanyarwanda bari muri Africa, mu Burayi ndetse n'Amerika.

Urunana rw'Abaharanira Ubumwe na Demokarasi (RUD-Urunana) ntiyahwemye gukoma imbere politiki nkoramaraso, politiki y'ikinyoma igamije guhungabanya abatabona ibintu kimwe n'umutwe wa politiki uyobora u Rwanda. Ni muri uru rwego kuwa 15 Ukuboza 2007 Dr Augustin Dukuze, Umuvugizi wa RUD-Urunana yasohoye itangazo rigenewe abanyamakuru.
Muri iryo tangazo, Umuvugizi w'Urunana aragaruka ku bubi n'uburyarya bwa Madamu Rakiya Omaar na African Rights mu gutangaza inkuru rutwitsi ku Banyarwanda banze kuyoboka ishyaka rya Paul Kagame n'akazu ke.
Mu itangazo rya RUD-Urunana, Dr Dukuze aragira ati:

Muri raporo yayo, African Rights yemeza ko abatavuga rumwe na Leta ya Kigali bakomoka mu bwoko b'Abahutu bo mu majyaruguru y'igihugu. Nyamara ama lisiti y'abantu bari muri iyo raporo agaragaza neza ko abatavuga rumwe na Leta ya Kigali badakomoka gusa mu mpande zose z'u Rwanda, ahubwo babonekamo n'Abatutsi.

Umuvugizi w'Urunana akomeza anyomoza Inkotanyi n'amacuti yazo muri aya magambo:
Muri iyo raporo, African Rights ihamya ko muri RUD-Urunana harimo abakoze itsembabwoko; ariko kandi ikongera ngo harimo n'aba Ofisiye b'Abatutsi n'abasirikare bahoze mu gisoda cy'Inkotanyi (RPA).
Mu byukuri, African Rights iragaruka ku mutwe w'Ingabo za RPR arizo Inkeragutabara zigizwe ahanini n'Abatutsi bitandukanyije n'ishyaka FPR riyobora u Rwanda. Aha ntabwo byumvikana rero uburyo African Rights ivuga ko hari Abatutsi bahisemo kwifatanya no kwinjira mu mitwe igamije kubatsemba.

Ku buryo bw'umwihariko, African Rights irikoma cyane Dr Jean Marie Vianney Higiro na Dr Félicien Kanyamibwa kandi ikagira n'abandi bayobozi ivugaho amagambo aterekeranye.
Nkuko Umuvuguzi w'Urunana abihamya, ntawe uyobewe ko yaba Dr Jean Marie Vianney Higiro cyangwa Dr Félicien Kanyamibwa ntawigeze aba Ex-FAR/Interahamwe.
Uriya Dr Félicien Kanyamibwa umaze igihe kiri hafi y'imyaka 20 muri America, yinjiye muri politiki ubwo yafatanyaga n'abandi mu gushinga FDLR yaje kubera Umunyamabanga Nshingwabikorwa (Secrétaire Exécutif).
Dr Jean Marie Vianney Higiro yinjiye muri FDLR atorerwa umwanya wa Visi Perezida wa mbere akimara kwanga umwanya wa Minisitiri w'itangazamakuru FPR-Inkotanyi yamuhaga muri imwe muri za Guverinoma zayo.
Dr Augustin Dukuze, Umuvuguzi w'Urunana amaze imyaka irenga 20 mu gihugu cya Canada, ntabwo ari Umunyamategeko bityo rero akaba atarigeze aba Avocat wa Electrogaz nkuko Rakiya Omaar na African Rights bavuga.
Na none kandi, Madamu Goretti Abayizigira, Visi Perezida wa RUD-Urunana, ntabwo yigeze aba muri Canada.

Mu ijwi ry'Umuvugizi wayo, RUD-Urunana iributsa amahanga imiterere yayo kugira ngo itazajya yitiranwa

n'abandi. Dr Dukuze yabitangaje muri aya magambo:

Tuributsa Umuryango mpuzamahanga ko kubera ingingo zinyuranye zitumvikanweho muri FDLR, bamwe mu banyamuryango bayo bayivuyemo ku mugaragaro muri Nzeri 2004.

Aba banyamuryango baje kwirukanwa mu nzego za FDLR ni Dr Jean Marie Vianney Higiro, Madamu Goretti Abayizigira, Dr Félicien Kanyamibwa na Dr Augustin Dukuze.

Nkuko byumvikana rero, ntabwo umuntu yakwirukanwa mu mutwe wa politiki noneho ngo akomeze awubere umunyamuryango.

RUD-Urunana ni umutwe wa politiki wigenga kandi Ingabo Armée Nationale–Imboneza zifite inshingano zo kurinda Abanyarwanda n'impunzi z'Abanyarwanda ziri mu makuba. Nta na hamwe AN-Imboneza zihuriye na FOCA ya FDLR

Ubwo RUD-Urunana yashingwaga, abayishinze bayihaye inshingano zo kuyobora ibikorwa bya gisirikare mu Rwanda uretse gusa rimwe na rimwe igihe impunzi z'Abanyarwanda zahungabanywa n'Ingabo za Guverinoma y'u Rwanda cyangwa izindi ngabo zikorana nayo nkuko byagenze muri 1996-97.

Bityo rero, Umugaba mukuru wa AN-Imboneza, Géneral Major Johnson Burasa, n'ushinzwe Ibikorwa bya gisirikare Général de Brigade Pacifique Zigabe bari mu Rwanda.

Nubwo kandi imitwe ya gisirikare AN-Imboneza na RPR-Inkeragutabara iyoborera hamwe imyitozo n'ibikorwa bya gisirikare, ifite inzego za gisirikare zitandukanye n'ubuyobozi bwa politiki bunyuranye.

Muri iriya raporo, Rakiya Omaar yiyambitse ubusa mu nkundura yo kurasanira FPR na Jenerali Kagame yandarika abanze kubayoboka. African Rights isa n'iyiyemeje guca intege no kubuza amahwemo abahoze mu ngabo z'u Rwanda (Ex-FAR), kubera ubumenyi, ubuhanga n'umurava bafite mu guherekeza abandi Banyarwanda mu nkundura yo gukemura ikibazo FPR yateje mu Rwanda no mu karere. Mu gihe umuryango wa FPR wuzuyemo inkoramaraso, Rakiya Omaar n'umryango ayobora nta na rimwe barigera bamagana amarorerwa zakoze amaze gushyirwa hanze n'indi miryango yibirangirire ikorera ku isi yose.

Kuri iyo ngingo, RUD-Urunana ibibona gutya:

Gushaka guhuza amazina ya Général de Brigade Pacifique Zigabe na Major Faustin Ntilikina, ni igikorwa cy'inyaryenge n'uburyarya bwo kwerekana ko RUD-Urunana itari mu Rwanda.

Nyamara ariko, ba Jenerali Kagame, Kabarebe na Nkunda ndetse na Rakiya Omaar wa African Rights bazi neza ko ibitero AN-Imboneza igaba ku ngabo zambuka ziva mu Rwanda zijya gufasha Nkunda, biba biyobowe na Général de Brigade Pacifique Zigabe.

Rakiya Omaar na African Rights ntibigeze bamagana amarorerwa yakozwe na FPR.

Ahubwo, kuva muw'i 1990 Rakiya Omaar ntiyahwemye gushyigikira FPR ashakisha ibisobanuro ku bikorwa bya FPR/APR byahungabanyaga amahoro.

Nyuma yakomeje gushyigikira ibya Guvernoma ya FPR. Niba African Rights yashyiraga imbere ubutabera, niba yimakazaga koko uburenganzira bw'ikiremwamuntu, aho gukorera Paul Kagame n'ibyegera bye, yagombye gutanga ibitekerezo bijya mu cyerekezo cyo gukemura ibibazo biri mu karere, aho kwigira umuvugizi wa Leta ya Kigali mu rwego rw'uburenganzira bw'ikiremwa muntu.

Turahamya ko ikibazo kiri mu karere atari uko hari imitwe ya politiki na gisirikare. Abatavuga rumwe na Leta ni ikimenyetso cy'umutekano muke uri mu karere k'ibiyaga bigari ufite isoko mu Rwanda. Igihe cyose ikibazo cy'u Rwanda kizaba kitarakemuka, akarere k'ibiyaga bigari kazahoramo umutekano muke.

Nkuko twakomeje kubigarukaho, ikibazo cy'u Rwanda ni icyo mu rwego rwa politiki, bityo kikaba kigomba umuti wa

politiki. Kugira ngo tugere ku butabera, ubwiyunge nyakuri turasaba byihuse ko habaho ibiganiro bya politiki (Dialogue Inter-Rwandais). Ibi biganiro byagena ejo hazaza h'u Rwanda, tubona byayoborwa n'Umuryango mpuzamahanga ni ukuvuga Loni. Turizera ko ibi biganiro ari byo byatugeza ku mahoro arambye, umutekano n'ishyirwaho ry'inzego nshya za politiki, ubutabera n'umutekano mu Rwanda; ni ukuvuga inzego amoko yose atuye u rwanda yakwisangamo.

Muri make, biragaragara ko ukurikije amaraporo ya African rights kuva ikibazo cy'u Rwanda cyavuka, uyu muryango wigaragaje nk'ufite inshingano zo kuburizamo ubworoherane n'ubwiyunge nyakuri hagati y'Abanyarwanda. Kuba Abahutu batarashiriye mu bitero ingabo za FPR zabagabyeho kuva muri 1990 kugeza ubu, haba mu Rwanda cyangwa se mu bihugu bahungiyemo, biyitera ikibazo. Hari indi miryango nyamara nka Amnesty International, Human Rights Watch zigerageza gukora ubushakashatsi mbere yo gutangaza ibintu. Naho African Rights ya Rakiya ifite gahunda yo gukomeza kwimakaza icya pyinagaza impunzi y'Umunyarwanda wese ugitera akageri: iracyafite imvugo ya muramutange, muramutangatange uboshye uhiga inyamanswa y'inkazi cyangwa ifite iminopfu bagomba gutera imirwi.

Niba ishaka gukomeza kwitwa umuryango urengera uburenganzira bw'Abanyafurika, nikosore imikorere, nirenganure Abatwa, nirenganure Abatutsi, irenganure Abahutu, nivugire Abanyarwanda ivugire n'Abakongomani, nivugire abazahajwe n'intambara yo muri Sudani n'ahandi n'ahandi aho guhembera no kwatsa umuriro hagati y'amoko mu Rwanda no guhugisha abatavuga n'ubutegetsi bwa Leta ya Pahulo Kagame.
African Rights nikore nayo ubushakashatsi ku bihumbi magana by'abarimbuwe n'ibitero FPR yagabye mu makambi y'impunzi yo muri Kongo ikanabakurikirana mu mashyamba. Bitabaye ibyo, nihindure izina birangire yitwe RPF/FPR Rights, Inkotanyi Rights, cyangwa se Kagame Rights.

AMAKURU YA POLITIKI

Ikibazo cy'impunzi ziri muri Kongo gikeneye umuti wa politiki

-Pierrette Niwemugeni-

Kuva muw'i 1994 u Rwanda rugwa mu nzara z'Inkotanyi, umubare w'impunzi zageze hanze y'igihugu waruse kure izavugwaga mbere y'intambara y'Ukwakira 1990 n'ubwicanyi bwo muri 1994.
Kubera nyine ubutegetsi bushya bwavumbutse mu muvu w'amaraso FPR-Inkotanyi yagizemo uruhari rukomeye, igice kini cy'Abanyarwanda bacitse kw'icumu rya Kagame n'Ingabo ze bahungiye mu cyahoze cyitwa Zayire.

Ibihugu by'ibihangange, imiryango ishamikiye kuri Loni ndetse n'iyigenga, abashakashatsi, abanyamakuru n'abandi, bakunze kugaruka ku kibazo cy'impunzi ziri muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo.
Nyamara mu gihe bimwe mu bihugu bivugwa kuba ibihangange bifasha ingoma nkoramaraso ya FPR mu kugambanira ziriya impunzi,
Ishami rya Loni rishinzwe ikiremwamuntu rimaze kwegeranya bije (budget) yo gutohoza neza abishe impunzi z'Abahutu mu mashyamba ya Kongo kuva muw'i 1996 ndetse na n'ubu abicanyi batunamura icumu.

Ririya perereza rigiye gutangira ku bwicanyi bwakorewe impunzi z'Abahutu mu cyahoze kitwa Zaire, rigamije gushyira ahagaragara ababukoze kugira ngo bahanwe.
Dusanga rero mu gihe havugwa gukurikirana abicanyi, bikwiye ko abarokotse ririya tsembabwoko

ryakorewe Abahutu amahanga arebera, nabo bazirikanwa bakanahabwa umwanya wo kwibuka ababo nk'uko Leta ibyemerera abandi Banyarwanda.

Muri iki kinyejana tugezemo, ntabwo byapfa kwemerwa ko umuntu warokotse ubuhotozi bwakozwe n'ibitero bya Leta abwirwa ngo natahe amanitse amaboko! Niko bimeze kuko bene iyo mvugo na Perezida Habyarimana yayibwiye Kagame dutegereza ko ahinguka mu Kinigi turaheba! Icyatumye rero Inkotanyi zitumva imvugo ya Leta barwanaga kandi yo yari ishyigikiwe n'abaturage, nicyo gituma ugushaka kwa FPR kudashobora kumvwa n'abo bakinganye ingabo muri iki gihe.

Turasanga akazi k'iriya komisiyo ya Loni ku bwicanyi bwakorewe impunzi z'Abanyarwanda muri Kongo kagombye kujyana n'ingamba zigenda zifatirwa impunzi zose zigihari.
Birakwiye rwose ko Loni yanga ikanamagana umugambi mubisha wo gutera impunzi hagamijwe kuzitsemba no kuzicyura ku ngufu.
Icyari gikwiye, ni uko buri Munyarwanda wese yabwira amahanga ko ziriya mpunzi zabungwabungwa, zikitabwaho ndetse zigategwa amatwi kuko ari abatangabuhamya b'ingenzi kandi b'ibanze kuri komisiyo ku ruhande rumwe. Ariko nyamara ku rundi ruhande, ni abatangabuhamya bateye ikibazo ku babiciye n'abo bafatanyije.

Biragaragara ko umugambi wo kubatsemba no kubacyura ku ngufu ugamije kuzimangatanya ubuhamya bashobora gutanga. Ntabwo rero bagomba kuvanwa muri Kongo no gucyurwa mu Rwanda huti huti komisiyo itararangiza iperereza ryayo.
Bibaye ngombwa ko bacyurwa, kabone n'iyo Leta ya FPR yazemerera komisiyo kujyayo, DMI yayitegurira abatangabuhamya bo kuyiha bakayibeshya; naho abashobora kuvugisha ukuri ikabaheza cyangwa bagatinya gutanga ubuhamya ngo batabuzira.

Kugeza magingo aya, Leta ndondabwoko iri i Kigali nta kizere cyo kuzabaho ishobora guha impunzi ziramutse zicyuwe amahanga atabifatiye ingamba zayo harimo kwaka Leta ya FPR garanti (garanties) no kugira indorerezi mu Rwanda zazahamara igihe kirekire.
Ntawe uyobewe uko impunzi zacyuwe ku ngufu muri 1996-1997 n'izatashye nyuma yaho zishwe, ariko Loni ntiyigeze ibaza Leta y'u Rwanda iperereza yakoze n'ibihano yahaye ababishe. Mu gihe ziriya mpunzi ziri muri Kongo rero zataha zisanga iriya ngoma uko iteye n'uko ikora muri iki gihe, zashira uruhongohongo.

Dufite impungenge ko abikubitiro bazaburira ku Gisenyi nkuko byagendekeye ***Musenyeri Phocas Nikwigize wa Diyosezi ya Ruhengeri n'abandi batamenyekanye kuko batari ibirangirire nkawe;***
Abandi bazicwa bataragera iwabo nkuko byakorewe abandi, mu gihe hari benshi bazafatwa bakarigiswa aka ***Minisitiri Kayogora, Innocent Habamenshi, Sous-Prefet Adrien Nzanana n'abandi batamenyekanye.***
Izindi mpunzi zazicirwa iwabo nkuko byakorewe ibihumbi amagana atazigera amenyekana uretse gutanga ingero nka: ***Colonel Yohani Ngayinteranya n'umugore we, Lt Colonel BEM Antoine Sebahire n'umuryango we, Lt Colonel Stanislas Hakizimana n'umuryango we, Commandant Patrice Bivavangara n'umuryango we harimo ababyeyi be, sebukwe n'umuryango we, Major Rugambage, Capitaine Mugarura, Major Uwimana n'abana be, Major Antoine Bizabarimana n'umuryango we, Major Gendarme Mfikije wari madamu wa Major Gendarme Bahembera wicanywe n'abana be, Capitaine Kakizimana Théodore wicanywe n'umuryango we, Capitaine Gendarme Isidore wicanywe n'umuryango we harimo nyina wari ufite imyaka 80, Capitaine Gendarme Ngerageze, umuryango wa Jenerali Paul***

Rwarakabije, Madamu wa Jenerali Léodomir Mugaragu n'abandi...

Niyo mpamvu aho ibihe bigeze n'uburyo Abanyarwanda bamaze gusobanukirwa n'ingoma y'Inkotanyi, nta gucyura impunzi zijya gushyirwa muri FPR nk'umuntu
banywesha ku ngufu ibyo adashaka.
Ntabwo impunzi zizataha zijya kuririmba ku ngufu indirimbo ya Kagame, bavuga ko Interahamwe/EX-FAR bishe, ariko ko FPR ntawe yishe kandi yarabamariye ababo.
Kirazira rwose ko impunzi zicyurwa ngo zijye gupfa zihagaze nka Jenerali Majoro Rwarakabije na Jenerali wa Brigade Ngendahimana FPR itanga ho urugero rw'abatashye ikabaha imirimo: ni ukuvuga ko bahawe imyanya yo kubacyurira nkaho bayifite mu gihugu cy'amahanga.

Ikibazo cy'impunzi z'Abanyarwanda kigomba kubonerwa umuti rusange kugira ngo zitahuke aho ziri hose.

Leta ya FPR nisigeho kwikoma umunyarwanda yaba Umutwa, Umututsi cyangwa Umuhutu uri muri Kongo. Ahubwo impamvu ziheza impunzi hanze nizibonwe mu rwego rwa politiki kandi zihabwe umuti wa politiki. Umuti ukwiye ni uwava mu biganiro (Dialogue) byazahuza Leta n'abatavuga rumwe nayo; ibiganiro byategurwa n'umuhuza udafite aho abogamiye kandi wigenga. Ni uyu muhuza wazakusanya ibyifuzo by'abatavuga rumwe na Leta, agakora urutonde rw'ibizagibwaho impaka, agatumira abazabizamo atabajije Leta ya FPR; akayobora inama kandi akazatanga umwanzuro ndakuka kuri buri kibazo cyizwe.

Naho ubundi, politiki y'ikinyoma ya FPR impunzi zayitahuye rugikubita. Ibiganiro Leta ikoresha ibyita Dialogue ni ikinamico. Uko bimeze ubu, nta narimwe Leta iriho izashyira kuri gahunda y'ibibazo binenga ubutabera bukubiyemo ubucamanza bubogamye kandi bubogamiye kw'ivanguramoko.

Itumira abavuga rumwe nayo gusa, ba bandi yakwirakwije hirya no hino ku isi byo kujijisha.
Twemera ko ibiganiro bya politiki byahuza Abanyarwanda b'ingeri zose byazashyiraho Leta iboneye abantu bose bisangamo. Iyi Leta yasimbura iya FPR-Inkotanyi iyobowe na Kagame, ni yo yaziga ikibazo cy'impunzi n'ibindi byose ikabikemura mu buryo bukwiye. Ikibazo kiriho, ni uko Leta y'ubu igenda yizibukira ibibazo biriho kuko byose ibifitemo uruhare ntabanduka.

Jenerali Rwarakabije aratera inkunga politiki y'ikinyoma ya FPR

Ibikurikira Nimero ya 32 Nyakanga 2007

-V. Kanyarwanda-

Mu nyandiko ye yo kuwa 11 Mata 2007, John Bayingana arasobanura uburyo Jenerali Majoro Pawulo Rwarakabije yahaye ikiganiro abaturage ba Kacyiru kuri Kaminuza yigenga ya Kigali (Univerisité Libre de Kigali – ULK). Nkuko twabisohoye mu
nyandiko yacu yashotse mu kinyamakuru Ijwi ry'Umucunguzi
Nimero ya 32 yo muri Nyakanga 2007, twiyemeje gukomeza tunyomoza uriya musirikare wo mu rwego rwo hejuru ufite ipete rya Général Major yahawe n'abaharanira kubohoza u Rwanda; ipete na Leta ya FPR yemera, bityo n'abandi ba Jenerali banze kuyoboka FPR bakaba bakwiye kubahwa muri urwo rwego.

Mu magambo yatangaje icyo gihe, Jenerali Rwarakabije yarihandagaje ngo indege yari itwaye Perezida
Habyarimana ikimara kuraswa, yabaye umwe mu bantu umunani (8) bahise bahurira mu nama kugira ngo barebe uko igihugu cyakomeza kuyoborwa.
Aha Abanyarwanda bakeneye ko Rwarakabije asobanura neza inama avuga iyo ariyo, aho yabereye, igihe yarangiriye n'abandi bantu barindwi (7) yari kumwe nabo.

Ikizwi, ni uko mu rwego rwa gisirikare hakozwe inama ebyiri (2) zafatiwemo ibyemezo bijyanye n'umutekano;
hari n'akanama (komite) kashyizweho n'imwe muri izo nama, gahabwa inshingano. Nta byemezo kafashe.

Rwarakabije ajye avugisha ukuri ko mu ijoro ryo kuwa 6 rishyira uwa 7 Mata 1994, ku kicaro cy'Ubuyobozi bukuru bw'Ingabo z'u Rwanda (Etat Major) habereye inama ya ba Ofisiye bakuru. Iyo nama yahuje aba Ofisiye bari batuye ahitwaga kuri plateau mu mujyi wa Kigali yarimo abantu cumi n'umwe (11), ntabwo ari umunani Rwarakabije avuga. Ikindi ni uko abo ba Ofisiye bahuye mu rwego rwo gushaka kumenya by'imvaho iby'indege ya Perezida Habyarimana yari imaze guhanurwa.
Iyi nama ntabwo Rwarakabije yari ayirimo nkuko ashaka
kubyumvisha abantu ababeshya.
Ahubwo icyo atabwira abantu kandi akizi, ni uko iriya nama yarimo ba Ofisiye babiri (2) ba Gendarmerie, ni ukuvuga Général Major
Ndindiriyimana Augustin na Major
Gakara Théophile.

Ikindi kinyoma nk'icya Semuhanuka ni uko Rwarakabije avuga ko yagiye mu nama yateranye indege ikiraswa kandi yarigeze gutanga ubuhamya yivugira ko indege yahanuwe ari iwe mu rugo agahita ajya mu biro aho yaraye kugeza bukeye mu gitondo.

Aha rero ntabwo ubu yabona uko asobanurira abantu ukuntu yahitiye mu biro akanongera akajya mu nama muri Etat Major y'Ingabo z'u Rwanda! Rwarakabije ntabwo yashoboraga kuba aho hantu hombi igihe kimwe kandi hatanegeranye.
Muri iyo nama yabaye ku mugoroba wo kuwa 6 Mata 1994, Rwarakabije atarimo, niho hafatiwe icyemezo cy'uko Koloneli Gatsinzi Marcel asimbura by'agateganyo Umugaba mukuru wari umaze kwitaba Imana.

Hari indi nama yateranye kuwa 7 Mata 1994 mu Ishuri rikuru rya gisirikare (ESM). Iyi nama yahuje Ubuyobozi bukuru bw'Ingabo z'igihugu, abayobozi b'uturere tw'imirwano, abayobozi b'ibigo bya gisirikare n'abimitwe mikuru y'ingabo z'igihugu.
Kimwe n'abandi bayobozi b'imirimo mu buyobozi bw'ingabo, na Paul Rwarakabije yari ayirimo.
Iyi nama niyo yashyizeho ka komite (comite de crise) nawe yarimo kagizwe n'abantu icumi (10).
Aka kanama twemera ko yari arimo, kateranye hafi nyuma y'amasaha 18; ntabwo kateranye rero indege ikimara kuraswa nkuko agira ati:
(I was among the eight officials, who immediately after the plane crash came together to see how the nation would move forward).

Ibi rero ni ibinyoma kuko kariya kanama kateranye kuwa 7 Mata 1994 nyuma ya saa sita, kandi indege yari yarashwe kuwa 6 Mata 1994 ku mugoroba.
Kimwe n'abandi babeshejweho no kubeshya, kubeshyera abandi, kwiyemeza ibyo batabayemo n'ibyo batakoze, Rwarakabije nasigeho kuko atabaye wenyine mu Rwanda, akaga u Rwanda rwaguyemo ntiyakabonye wenyine. Ipete rya Jenerali Majoro yambitswe n'abatemera ibinyoma bya FPR ntabwo rimuha uburenganzira bwo kuba Kadogo, kuba Mpemukendamuke, ntabwo Abanyarwanda bari
bamutezeho kuba Macoyinda kimwe na ba Koloneli Bizimana André alias Kawaya na Murenzi Evariste alias Mwalimu.

Umusirikare upfa ahagaze nka bariya bagabo bahoze mu ngabo zo kubohoza iguhugu, aba atanze urugero rubi ku rubyiruko, ndetse aba arutanze kuko agira izina rigayitse mu mateka y'igihugu.

Biracyaza….

IMIBEREHO Y'ABATURAGE

Icengezamatwara rya FPR rirahembera ikibazo cy'amoko mu Rwanda.

Inkuru yo mu bwanditsi bw'Urugaga rutanga ibitekerezo ku bibazo by'u Rwanda

Iyo witegereje neza uko ikibazo cy'amoko n'imibanire y'Abanyarwanda giteye muri rusange, usanga kuva mu Kwakira 1990 FPR-Inkotanyi ishoza intambara mu Rwanda kugeza magingo aya, Abanyarwanda, baba abo imbere mu gihugu cyangwa hanze y'u Rwanda, barushaho kurebana ay'ingwe, bangana kurushaho kuko FPR n'ibiyikomokaho cyangwa bifitanye isano nayo, ndetse ukongeraho n'abantu ku giti cyabo bakomoka mu moko yose y'Abanyarwanda, bakomeza gushyira imbere ikibazo cy'amoko gikomeza kugonganisha Abanyarwanda b'ingeri zose.

Umuryango wa FPR ni wo nyirabayazana

Kuva FPR yashoza intambara kugeza magingo aya, ntacyo irakora kugirango yunge Abanyarwanda; usanga ahubwo ikibazo cy'amoko yarakigize intwaro yayo kugirango ibibe amacakubiri mu Banyarwanda, hanyuma ikomeze kuba Rusahurira mu nduru.

None se wasobanura ute ko ihora ivuga ngo nta moko aba mu Rwanda ikoresheje Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, hanyuma igahora iririmba ko abo mu bwoko bw'Abatutsi bishwe bazira ubwoko bwabo? Minisitiri Muligande ari mu Busuwisi ati Guverinoma y'u Rwanda igizwe n'Abahutu benshi kurusha Abatutsi! FPR iti Rubanda nyamwinshi rw'Abahutu igomba kuba nyamuke muri Politiki, ndetse aho bucyera ikazaba na nyamuke mu mibare hakoreshejwe imigambi mishya mibisha. FPR ikora uko ishoboye kose kugirango impuguke z'Abahutu, ababyeyi n'abana b'Abahutu bahure n'ibibazo by'ubwoko bwose ku buryo badindira, bakazahazwa. Inzego zose, ari iza Politiki, iz'Ubutegetsi bwite bwa Leta, izo mu mirimo inyuranye yaba iya Leta cyangwa abikorera ku giti cy'abo, iza Gisilikari, FPR n'abayoboke bayo, cyane abo mu bwoko bw'Abatutsi, barazihariye, abandi barahezwa, ngo ni abicanyi kandi ngo igihe cyabo cyararangiye. Ngiyo Politiki y'irondakoko ya FPR ikora uko ishoboye ngo Abahutu nabo bumve ko aribyo bemere bategekwe, ikoresha iterabwoba, Ingando n'akarimi keza cyangwa se ibikorwa bya Nyirureshwa nko kuvuga ngo abantu bareke akazi bajye kwiga kandi bizwi neza ko nibarangiza nta kazi bazabona ndetse n'umutungo bari bafite bawumariye mu ngirwa mashuri, hanyuma bakicwa n'inzara n'umukeno; nko kubwira abaturage cyangwa abakozi basezerewe ngo nibajye kwihangira imirimo!

Ibuka nayo ishyize imbere ifumba y'amacakubiri mu Rwanda

Ikindi gituma Abanyarwanda barushaho kutumvikana, ni imikorere mibi kandi igayitse ya IBUKA. Ubundi kwibuka ni byiza, ariko Ibuka yabihinduyemo kugira inzika no kwangana urunuka ku buryo idashaka ko hari aho Umuhutu n'Umututsi bazongera guhurira; byanze bikunze habe inzigo hagati y'ayo moko yombi. Haba imbere mu Rwanda, haba hanze y'igihugu, Ibuka ikora uko ishoboye ngo ihige, igirire nabi kandi isige ibara Umuhutu wese aho ava akagera cyangwa se umuntu ufatanya nawe mu kumvikanisha ikibazo cy'u Rwanda. Ngiyo propagande isenya inasebanya, ngiyo politiki yayo ishingiye ku Ngengabitekerezo ya Jenoside yumvisha buri wese ko Umuhutu wese ari umujenosideri, ari umwicanyi! Amashami yayo yose wongeyeho amashyirahamwe akrera mu kwaha kwa FPR afite inshingano imwe: guharabika isura y'Abanyarwanda batavuga rumwe n'ubutegetsi bwayo kumvisha amahanga ko Abahutu ari abicanyi, ko Abatutsi ari intama zasagariwe kuva kera!

Gacaca iri hanze aha irigisha inzigo mu bana b'u Rwanda

Indi ntwaro FPR ikoresha kugirango Abavandimwe b'Abanyarwanda barusheho kutumvikana ni ubucamanza burenganya buvanzemo n'iterabwoba. FPR yabonye inzego z'Ubutabera zisanzwe zitazatuma igera ku migambi yayo (gutsemba no kumvisha Abo idashaka), ishyiraho Gacaca igamije kubamarira mu munyururu, kubiba amacakubiri hagati y'Abahutu n'Abatutsi no hagati y'Abahutu ubwabo babeshyerana, baboneraho impamvu yo kurangiza ibibazo bafitanye ubwabo no kwiyerakana neza imbere ya FPR! Uretse rero bamwe mu Batutsi no mu Bahutu bashyira mu gaciro kandi bashaka kubana mu mahoro, abenshi mu Banyarwanda no mu Banyamahanga baguye mu mutego wa FPR wo kubeshya ko igamije ubutabera, iyo usesenguye neza usanga FPR ifite gahunda ndende yo gutanya burundu Abaturarwanda!

No mu mpunzi ubwazo zajwemo
"Turaterwa natwe tukitera! " Impunzi ubwacu natwe dusubiranamo, tugakora uko dushoboye kugirango imibanire hagati yacu itagenda neza. None se wasobanura ute ko ababyeyi bamwe, baba abo mu mpunzi za kera, baba abanyuma ya 1990 na 1994, ndetse n'abakomeza kguhunga, bigisha abana babo amacakubiri bavuga ko Abahutu n'Abatutsi ntacyo bapfana, ko bamwe ari inzigo, abicanyi, abajenosideri, ari ihene abandi bakaba intama zizira ubusa; ko bamwe ari ubwoko bwatoranijwe abandi ari ibivume; ko bamwe ari Abakiga abandi ari Abanyanduga kandi ko badashobora gushyira hamwe.

Amabi arangwa hagati y'Abanyarwanda, hagati y'amoko atuye u Rwanda, baba abari imbere mu gihugu cyangwa hanze yacyo, ari twe ubwacu aturukaho, aho guhora dushaka kuyegeka ku bandi, cyane Abazungu!
Ni ngombwa ko twemera ko amoko abaho mu Banyarwanda kandi ko ayo moko ari magiririane, agomba gufatana urunana kugira ngo yubake igihugu kibereye bose, ntawitwaje ubwoko bwe ngo akandamize abandi kubera inyungu ze bwite.
Tureke amarangamutima, maze twisuzume, buri muntu arebe aho ahagaze ku bijyanye na biriya bibazo kugira ngo twunguraneho ibitekerezo. Ibi nitubikora ntaburyarya, bizadufasha kwubaka u Rwanda rubereye buri munyarwanda aho ava akagera, ntavangura byaba biturutse ku moko, ku turere, ku bitsina ndetse n'ibindi byose bikandamiza undi.

URUBUGA RW'ABASOMYI

Mureke rubanda yature ivuge uwateye ishavu mu Rwanda.

-Célestin Sindayigaya-

Nshuti, Bagenzi banjye basomyi b'Ijwi ry'Umucunguzi, maze iminsi nsoma inyandiko zinyuranye ndetse ngatega amatwi n'imvugo irangwa n'ubwishongozi bw'abayobozi ba Kigali ku kibazo cy'akaga kagwiriye u Rwanda. Igitangaza benshi nanjye ndimo, ni uko ba nyirabayazana bihanukira ibyo bakoze babiteguye bakabyegeka ku bantu b'abere badafite aho bahuriye na byo.

Uretse Pawulo Kagame n'agatsiko ke, nta wundi muntu ugishidikanya ko iyicwa rya Perezida Habyarimana ariryo ntandaro n'imbarutso y'ubwicanyi bwabaye mu Rwanda kuva taliki ya 6 Mata 1994.

Abantu bashyira mu gaciro bemeza ko iyo Perezida Habyarimana aticwa, Amasezerano y'amahoro y'Arusha agakurikizwa uko yari ateye, ubu Abanyarwanda baba bishimye, cyane abari impunzi za kera kuko baba barasanze ababo bagasabana.

Ibi byishimo, aya mahoro, uwo mudendezo Abanyarwanda bagomba kubiryoza Kagame wabibavukije akabisimbuza amaganya, amarira, umubabaro, ishavu n'agahinda bitazashira; agashinyaguro, iterabwoba ashyize imbere inyungu ze bwite, inyota y'ubutegetsi, kwigwiza ho umutungo ibyubahiro n'igitinyiro kidasobanura icyubahiro gihabwa umuyobozi ukundwa n'abo ayobora. Ahubwo ntawabura guhamya rwose ko na Pawulo Kagame n'agatsiko ke baba bishimye, kuko nta nkeke baba bafite ku mutima yo guhora barota bavogera mu mivu y'amaraso y'Abanyarwanda bamennye.

Yego ntabwo baba bafite ibyubahiro nk'ibyo bafite ubu, kandi ntibaba barigwijeho imitungo bafite ari na byo byatumye bakora ibara.
Ariko baba bariho neza mu rugero rubakwiye kuko aho bahagaze ubu, atari umwanya wabo.

Akaw'amugani w'abakurambere amaraso arasama. Yaba ay'Abatutsi, yaba ay'Abatwa, y'aba ay'Abahutu; ba Kagame n'ibyegera bye rero, nabo bararye bari menge kuberako ariya maraso bamenye ejo ashobora kubazaza cyangwa akabagaruka!

Intimba, umubabaro, ishavu n'agahinda Abanyarwanda dufite, ni Pawulo Kagame n'akazu ke babiduteye. Niyo mpamvu tugomba guharanira ko abahanuye indege bakurikiranwa mu nkiko, abo aribo bose. Ubundi muri rusange, rubanda nta buryo ifite bwo kumenya uwabateje akaga barimo.

Niba rero hari uvuze ko afite ibimenyetso bigaragaza ko ari Pawulo Kagame n'agatsiko ke bakoze ibara, ntabwo Abanyarwanda bagombye kwemera gukoreshwa ku ngufu mu kumushyigikira kandi batazi ibyo yateguraga ari ku Mulindi. Ntawamusomaga mu mutima

we n'ibyo yari afite mu mutwe we. Ntawe uzi amategeko yahaga FPR ayo ariyo yose.
Ibigaragara ni uko muri ayo mabwiriza harimo ayo gutsemba abo basanze mu gihugu batavuga rumwe na yo.

Abanyarwanda bari mu gihugu FPR ifata ubutegetsi, bazi neza ko ingabo z'Inkotanyi zajyaga kwica abantu zikaririmba ngo ***".....abasigaye mu gihugu ni ibigoryi byanze guhunga kandi zo zaraje guhora!"***
Abanyarwanda ntitugomba gushyigikira utunzwe agatoki uwo ariwe wese, kuko icyaha ari gatozi umuntu ku giti cye.
Ahubwo dukwiye guhaguruka tukabwira Kagame kwegura, inkiko zikabona uko zimukurikirana.

Twizeye ko abantu nka Rwarakabije bazatubera ku isonga muri iyo nkundura yo kwimakaza ukuri mu Rwanda niyo bakuzira ariko ni ukuri guca mu ziko ntigushye. Keretse niba iyo abandi bibuka ababo, we ategekwa kwibagirwa abe bashimuswe na FPR! Ni mureke rubanda yature ibaze! Jeneral Pawulo Rwarakabije ageze mu ndiri ya Kagame ati "mu Rwanda ni amahoro! " Ubundi ahari amahoro, ni ukuvuga ko haba hari n'ubutabera. None Rwarakabije yaba yarasanze ubutegetsi bwarakurikiranye abamutsembeye umuryango, bakaba bafunze ko aricyo gihano bakwiye kubona?

Burya amahoro mu gihugu si ukuvuga ngo nta bushyamirane buhari gusa, ahubwo iyo hari ubutabera, iyo abantu bafite amahoro ku mutima, bafite ukwishyira no kwizana, bafite uburenganzira bwo kuvuga icyo batekereza nta mususu, bavuga ibibazo by'igihugu n'uburyo babona byakemurwamo batishisha, bavuga uko babona imitegekere n'uko bumva yagombye kumera, uko babona abategetsi n'uko bumva bagombye kwitwara, iyo ntabarigiswa cyangwa ngo bicwe ntihagire iperereza rikorwa, iyo ntawamburwa ibye; n'ubundi burenganzira bwose bw'ikiremwamuntu.

Rwarakabije arabeshya kuko mu Rwanda nta mahoro ahari kuva ubutabera butaharangwa, kuva abantu tudashobora kugaya no gukosora umutegetsi runaka utubeshya cyangwa ukoresha amagambo agayitse.
Mu Rwanda rwa none ntidukoma kuko dutinya ko ubutegetsi bwadukomeretsa, bwadusya, bududuritsa nk'uko Kagame yabigize umuhigo.

Uriya musirikare mukuru yemeza ate ko hari amahoro mu gihe tudafite uburenganzira bwo kuririra abacu no kurega abatwiciye?

"Nta munsi utagira izina" hari ku munsi w'urwibutso rw'icyunamo tariki ya 7 Mata 2007 ubwo Perezida Kagame yavugiraga i Murambi ngo: ***"...ukagenda noneho hakazaba n'abaza kukuburanira ngo na FPR nayo yarishe, yishe abantu? Yishe abahe se? Miliyoni zikarinda zambuka zimaze kwica? RPF yishe abahe? RPF igira neza gusa cyangwa yararangaye sinzi***"

Nibyo koko, kuri Pawulo Kagame FPR nta bantu yishe kuko Abahutu ndetse n'Abatwa atari abantu, ahubwo ari ibimonyo FPR yagendaga ikandagira mu ntambara kuva tariki ya 1 Ukwakira 1990. Kandi n'ubu FPR iri ku butegetsi, iyo yishe Umuhutu iba ikandagiye ikimonyo rero! Bizakomeza gufatwa gutyo?

FPR yararangaye koko kuko itabamaze ngo igere rugikubita ku mubare w'iringanyiza Pawulo Kagame agamije. Baranze bakomeza kuba nyamwinshi. Igisigaye ni ukuvoma amazi mu ngunguru bakoresheje wa mufuniko w'icupa Kagame yavuze; kuko kuyubika ngo amazi arimo amenekere rimwe byabananiye! Ariko se na Pawulo Rwarakabije yemera ko nta bantu FPR yishe nkuko Kagame yabitangaje?

Mu ijambo rye, ntaho Pawulo Kagame yavuze kwibuka Abahutu n'Abatwa bishwe; aha bituma twibaza ikibazo niba abo bandi bo atari ibiremwa muntu!
Nyamara arega abandi gukora no kwigisha ivanguramoko! Na ba "moderés" yatereye iyo kuko yarangije kubacuruza kandi nta nyungu akibabyaza. Ahubwo yagaragaje ko ari Perezida w'igice kimwe cy'Abanyarwanda.
Niba mu Rwanda hari uburenganzira no kwishyira ukizana mu kugaragaza ibitekerezo ku ibyo umuntu yemera n'ibyo atemera, dutegereje ko umugabo nka Rwarakabije azitangaho urugero rw'abiciwe ababo na FPR, akavuga ko Kagame nawe ari inkoramaraso kandi ko ashaka gufata abandi nk'ibicucu., cyangwa se impumyi zitabonye ubwicanyi FPR yakoze kandi abenshi yaratwiciye abacu.

Bimwe mu bibazo abanyarwanda benshi bibaza kandi bifuza ko ubutegetsi buriho buzabasubiza ni ibi bikurikira: mbese Umututsi aruta Umuhutu n'Umutwa? Mbese amaraso y'Umututsi aruta ay'Umuhutu cyangwa

ay'Umutwa? Mbese impfubyi y'umututsi ibabaye kurusha impfubyi y'Umuhutu cyangwa iy'Umutwa yiciwe ababyeyi? Mbese umupfakazi w'Umututsi wiciwe uwo bashakanye ababaye kurusha umupfakazi w'Umuhutu cyangwa uw'Umutwa?
Impamvu ibi bibaza abenshi tubyibaza ni uko, iyo urebye ubutegetsi bwa FPR uko bukora usanga butihanganira ko Abahutu cyangwa Abatwa biciwe ababo, cyane cyane impfubyi n'abapfakazi. Niyo mpamvu usanga bitabwaho kimwe n'abandi bitwa ko bacitse ku icumu. Ninde utazi umunyarwanda nibura umwe wahekuwe cyangwa wishwe n'amasasu cyangwa udufuni tw'abasirikare ba FPR?

FPR yatsembye imbaga z'Abanyarwanda zitagira ingano zirimo Abatutsi, Abatwa n'Abahutu. Rero, nimusigeho kuba ibikoresho byo kuyobya uburari ku bintu bizwi neza. Icyo buri munyarwanda ashaka kandi yifuza ni ukwibera mu mahoro, ni ukuba mu gihugu buri wese yishyira akizana ntawe umuhohoteye maze abana bose b'urwanda bagafatana urunana bakubaka urwababyaye. Niyo mpamvu kugira ngo tubigereho tugomba gutahiriza umugozi umwe ariwo mugozi w'urukundo, wo kworoherana no kubabarirana.

[Ijwi ry'Umucunguzi ni ikinyamakuru cyamamaza amatwara ya politiki yo kubohoza u Rwanda. Ikinyamakuru cy'Abacunguzi kinjiye urugamba mu w'i 2001]